

AMABWIRIZA N°21 YO KU WA
05/07/2016 AGENGA IBIGEGA
BY'ISHORAMARI MU
ITUNGANYAMITUNGO ITIMUKANWA

GUIDELINES N°21 OF 05/07/2016
GOVERNING THE DEVELOPMENT OF
REAL ESTATE INVESTMENT TRUST

DIRECTIVES N°21 DU 05/07/2016
REGISSANT LE DEVELOPPEMENT DES
FONDS DE PLACEMENT IMMOBILIER

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: icyo aya mabwiriza agamije

Article One: Purpose of these Guidelines

Article premier: Objet des présentes directives

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

Ingingo ya 3: Intego za D-REIT

Article 3: Objectives of D-REIT

Article 3: Objectifs de D-REIT

Ingingo ya 4: Ishoramari

Article 4: Investments

Article 4: Investissements

Ingingo ya 5: Ishoramari ryemewe muri D-REIT

Article 5: Eligible investments for a D-REIT

Article 5: Investissements éligibles pour un D-REIT

Ingingo ya 6: Inshingano z'umuyobozi wa D-REIT mu rwego rw'ishoramari

Article 6: Responsibilities of a D-REIT manager in investment framework

Article 6: Attributions du gestionnaire d'un D-REIT dans le cadre d'investissement

Ingingo ya 7: Ishoramari rikorwa mu mwaka umwe (1) nyuma yo kwemerwa kwa D-REIT

Article 7: Investment to be made within one (1) year after authorization of D-REIT

Article 7: Investissement à faire dans une (1) année après l'autorisation de D-REIT

Ingingo ya 8: Ibisabwa kugira ngo umutungo utimukanwa uhererekanywe

Article 8: Requirements for disposing the real estate asset

Article 8: Exigences pour céder un actif immobilier

Ingingo ya 9: Ishoramari mu mishinga y'iterambere n'ubwubatsi

Article 9: Investment in development and construction projects

Article 9: Investissement dans des projets de développement et de construction

Ingingo ya 10: Umutungo utimukanwa wegukanywe mu buryo bw'ubukode

Article 10: Real estate acquired through leasehold

Article 10: Bien immobilier acquis par bail

Ingingo ya 11: Isaranganya ry'abashyira ku isoko inyandiko z'agaciro n'inyandiko mvunjwafaranga

Article 11: Spreading of issuers of securities and instruments

Article 11: Répartition des émetteurs de titres et instruments

Ingingo ya 12: Kutubahirizwa kw'amategeko akumira

Article 12: Non applicability of restrictive laws

Article 12: Inapplication des lois restrictives

Ingingo ya 13: Ingaruka zo kudasaranganya ishoramari mu gihe ntarengwa

Article 13: Effects of failure to spread investments in time limits

Article 13: Effets de ne pas répartir les investissements dans les délais limités

Ingingo ya 14: Ishoramari aho imigabane yose ifitwe kandi igenzurwa n'ikigo gishinzwe ibikorwa birebana n'umutungo utimukanwa

Article 14: Investment in a wholly owned and controlled company carrying out real estate related activities

Article 14: Investissement dans une société totalement détenue et contrôlée exerçant les activités relatives à l'immobilier

Ingingo ya 15: Igurisha rya D-REIT

Article 15: Offer of a D-REIT

Article 15: Offre d'un D-REIT

Ingingo ya 16: Abashoramari D-REIT igomba kuba gifite nibura

Article 16: Minimum investors required for a D-REIT

Article 16: Nombre minimum d'investisseurs requis pour un D-REIT

Ingingo ya 17: Agaciro ko hasi k'umugabane shingiro wa D-REIT

Article 17: Minimum value of the share capital of D-REIT

Article 17: Valeur minimale du capital de D-REIT

Ingingo ya 18: Ingaruka zo kutubahiriza ibisabwa by'ibanze mu kugura imigabane y'ikigo ifitwe n'abandi bantu batari abanyamigabane

Article 18: Effects of breach of the minimum requirements for the free float

Article 18: Effets de la violation des exigences minimales pour le libre flottant

Ingingo ya 19: Uburyo bukurikizwa mu gutangiza ikigeza D-REIT

Article 19: Procedure for launching D-REIT scheme

Article 19: Procédure de lancement du fonds D-REIT

Ingingo ya 20: Ishyirwa ku isoko ry'imari n'imigabane y'inyandiko z'agaciro za D-REIT

Article 20: Listing of D-REIT securities

Article 20: Cotation des titres de D-REIT

<u>Ingingo ya 21:</u> Ingaruka zo kunanirwa gushora imari mu mutungo utimukanwa mu gihe cy'iminsi ijana na mirongo inani (180)	<u>Article 21:</u> Consequences of failure to invest in real estate within one hundred and eighty (180) days	<u>Article 21:</u> Conséquences de la défaillance d'investir dans l'immobilier dans une période de cent quatre-vingts (180) jours
<u>Ingingo ya 22:</u> Iyegukanwa n'iherekanywa ry'umutungo utimukanwa n'igicro	<u>Article 22:</u> Acquisition and disposal of a real estate and price	<u>Article 22:</u> Acquisition et cession de l'immobilier et prix
<u>Ingingo ya 23:</u> Kwegukana igice cy'umutungo utimukanwa	<u>Article 23:</u> Partial ownership of real estate	<u>Article 23:</u> Possession partielle d'immobilier
<u>Ingingo ya 24:</u> Igihe ibibujijwe ku kwegukana igice cy'umutungo utimukanwa bidakurikizwa	<u>Article 24:</u> Cases of non applicability of the limitation on partial ownership	<u>Article 24:</u> Cas d'inapplication de la limitation de la possession partielle
<u>Ingingo ya 25:</u> Ishoramari ntarengwa rikorwa na D-REIT mu migabane cyangwa mu nyandiko z'agaciro byayo	<u>Article 25:</u> Minimum investments by a D-REIT in its property shares or securities	<u>Article 25:</u> Investissements minimaux faits par un D-REIT dans ses actions de propriété ou titres
<u>Ingingo ya 26:</u> Ubwubatsi n'ibikorwa by'iterambere bikorwa na D-REIT	<u>Article 26:</u> Construction and development activities by a D-REIT	<u>Article 26:</u> Construction et activités de développement faites par un D-REIT
<u>Ingingo ya 27:</u> Ikigereranyo ntarengwa cy'inguzanyo zishobora kwakwa na D-REIT	<u>Article 27:</u> Maximum level of borrowing by a D-REIT	<u>Article 27:</u> Niveau maximum des emprunts d'un D-REIT
<u>Ingingo ya 28:</u> Itangwa ry'ingwate ku mitungo ya D-REIT	<u>Article 28:</u> Providing security over the assets of a D-REIT	<u>Article 28:</u> Fournir la garantie sur les actifs d'un D-REIT
<u>Ingingo ya 29:</u> Ingaruka z'amakosa ya D-REIT	<u>Article 29:</u> Effects of D-REIT defaults	<u>Article 29:</u> Effets de fautes d'un D-REIT
<u>Ingingo ya 30:</u> Ibisabwa mu isaranganya muri D-REIT	<u>Article 30:</u> Distribution requirements of a D-REIT	<u>Article 30:</u> Exigences de distribution d'un D-REIT
<u>Ingingo ya 31:</u> Isaranganya rito binyuze mu mwanzuro usanzwe	<u>Article 31:</u> Lower distribution by way of ordinary resolution	<u>Article 31:</u> Répartition inférieure par voie de résolution ordinaire

Ingingo ya 32: Isaranganya rirenze inyungu zabonetse mu gihembwe gikorera

Article 32: Excess distribution of the current income

Article 32: Répartition dans l'excès du revenu courant

Ingingo ya 33: Isaranganya ry'inyungu zikomoka ku migabane zabonetse muri D-REIT

Article 33: Distribution of realized capital gains by a D-REIT

Article 33: Distribution des gains réalisés provenant du capital par un D-REIT

Ingingo ya 34: Gusaba ko habaho ubugenzuzi bwemeza ibibazo bigomba kwigwaho

Article 34: Request for audit to determine matters to be considered

Article 34: Demande d'un audit de déterminer les problèmes à examiner

Ingingo ya 35: Amafaranga y'ibanze mu ishoramari afitwe n'uwatangije ikigega n'igihe atemerewe kuyavana mu kigega

Article 35: Minimum retained investment by the promoter and lock-in period

Article 35: Minimum d'investissement retenu par le promoteur et la période de blocage

Ingingo ya 36: Ishyirwaho rya komite idasanzwe y'ubugenzuzi

Article 36: Establishment of an ad hoc oversight committee

Article 36: Mise en place d'un comité de supervision ad hoc

Ingingo ya 37: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa

Article 37: Commencement

Article 37: Entrée en vigueur

Official Gazette n°34bis of 22/08/2016

**AMABWIRIZA N°21 YO KU WA
05/07/2016 AGENGA IBIGEGA
BY'ISHORAMARI MU
ITUNGANYAMITUNGO ITIMUKANWA
(D-REIT)**

**GUIDELINES N°21 OF 05/07/2016
GOVERNING THE DEVELOPMENT OF
REAL ESTATE INVESTMENT TRUST
(D-REIT)**

**DIRECTIVES N°21 DU 05/07/2016
REGISSANT LE DEVELOPPEMENT DES
FONDS DE PLACEMENT IMMOBILIER
(D-REIT)**

**Ikigo gishinzwe Isoko ry'Imari
n'Imigabane,**

The Capital Market Authority,

L'Office des Marchés des Capitaux,

Gishingiye ku itegeko n° 11/2011 ryo ku wa 18/05/2011 rishyiraho Ikigo gishinzwe Isoko ry'Imari n'Imigabane (CMA) rikanagena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere byacyo, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3 n'ya 4;

Pursuant to Law n° 11/2011 of 18/05/2011 establishing the Capital Market Authority (CMA) and determining its mission, powers, organization and functioning, especially in Articles 3 and 4;

Vu la Loi n° 11/2011 du 18/05/2011 portant Création de l'Office des Marchés des Capitaux (CMA) et déterminant sa mission, ses pouvoirs, son organisation et son fonctionnement, spécialement en ses articles 3 et 4;

Gishingiye ku Itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 74;

Pursuant to Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating the capital market in Rwanda, especially in Article 74;

Vu la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda, spécialement en son article 74;

Gishingiye ku Itegeko n° 40/2011 ryo ku wa 20/09/2011 rigenga ibigega by'ishoramari by'abishyizehamwe mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64;

Pursuant to Law n° 40/2011 of 20/09/2011 regulating collective investment schemes in Rwanda, especially in Article 64;

Vu la Loi n° 40/2011 du 20/09/2011 portant régulation des fonds d'investissements collectifs au Rwanda, spécialement en son article 64;

Gishingiye ku Mabwiriza n° 14 agenga ibigega by'ishoramari mu mitungo itimukanwa, cyane cyane mu ngingo yayo ya 43 nk'uko yujujwe kugeza ubu;

Pursuant to Regulation n° 14 on real estate investment trusts, especially in Article 43 as complimented to date;

Vu le Règlement n° 14 régissant les fonds de placement immobilier, spécialement en son article 43 tel que complété à ce jour;

GITANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:

**ISSUES THE FOLLOWING
GUIDELINES:**

DONNE LES DIRECTIVES SUIVANTES:

Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije

Aya mabwiriza agenga iterambere ry'ibigega by'ishoramari mu itunganyamitungo itimukanwa byitwa "D-REIT" muri aya mabwiriza.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1°. **kwaka inguzanyo:** uburyo ubwo ari bwo bwose bwo kubona imari binyuze mu nguzanyo, yishingiwe cyangwa itishingiwe n'ingwate;

2°. **ufitanye isano n'ikigega:** harimo:

- a. Umuyobozi wa D-REIT;
- b. umugenagaciro washyizweho kugira ngo agene agaciro k'ikigega;
- c. uhagarariye abashoramari mu kigega;
- d. umunyamigabane mukuru mu kigega cy'ishoramari mu itunganyamitungo itimukanwa;
- e. umuyobozi, umuyobozi mukuru cyangwa umukozi w'umuntu uvugwa mu duce a, b cyangwa c;

Article One: Purpose of these Guidelines

These Guidelines govern the development of Real Estate Investment Trusts referred to as "D-REIT" in these Guidelines.

Article 2: Definitions of terms

Under these Guidelines, the following terms are defined as follows:

1°. **borrowing:** any financing arrangement in the nature of a debt, whether secured or unsecured;

2°. **connected person:** includes:

- a. D-REIT manager;
- b. valuer appointed to undertake a valuation of the scheme;
- c. the trustee;
- d. a substantial holder of D-REIT securities in the scheme;
- e. a director, a senior executive or an officer of any person under points a, b or c;

Article premier: Objet des présentes directives

Les présentes directives régissent le développement des fonds de placement immobilier appelés "D-REIT" dans les présentes directives.

Article 2: Définitions des termes

Dans les présentes directives, les termes suivants ont les significations suivantes :

1°. **emprunt:** tout arrangement de financement sous forme d'une dette, qu'il soit garanti ou non garanti;

2°. **une personne rattachée:** comprend:

- a. un gestionnaire de D-REIT;
- b. un expert désigné pour procéder à l'évaluation du fonds;
- c. un fidéicommissaire;
- d. un détenteur important des titres du D-REIT dans le fonds;
- e. un directeur, un cadre supérieur ou un agent d'une personne en vertu des points a, b ou c;

Official Gazette n°34bis of 22/08/2016

- | | | |
|---|--|---|
| <p>f. umufatanyabikorwa wa buri muntu uvugwa mu duce d na e;</p> <p>g. urwego rufite ubwiganze bw'imigabane, sosiyete mbyeyi, ishami cyangwa ikigo mfatanyabikorwa by'umuntu wese ugaragara mu duce a kugera kuri d;</p> | <p>f. an associate of any person under points d and e;</p> <p>g. a controlling entity, a holding company, a subsidiary or an associated company of any person under points a to d;</p> | <p>f. un associé d'une personne en vertu des points d et e;</p> <p>g. une entité de contrôle, une société de portefeuille, une filiale ou une société associée de toute personne en vertu des points a à d;</p> |
| <p>3°. D-REIT: ibigega by'ishoramari mu itunganyamitungo itimukanwa cyubahiriza ibisabwa muri aya mabwiriza;</p> | <p>3°. D-REIT: a Development of Real Estate Investment Trust which complies with the requirements of these Guidelines;</p> | <p>3°. D-REIT: le Développement des Fonds de Placement Immobilier qui se conforme aux exigences des présentes directives;</p> |
| <p>4°. imigabane y'ikigo ifitwe n'abandi bantu batari abanyamigabane: inyandiko z'agaciro za D-REIT zashyizwe ku isoko ry'imari n'imigabane, zahamagariwe rubanda kuzigura cyangwa zifitwe n'abantu badafite cyangwa bafite aho bahuriye n'uwashyizeho D-REIT cyangwa uuyiyobora mu gihe D-REIT yashyizweho mu buryo bwa sosiyete;</p> | <p>4°. free float: D-REIT securities issued, offered or held by persons who are not connected with or associated with the promoter or the D-REIT manager in case D-REIT is formed as a company;</p> | <p>4°. libre flottant: les titres de D- REIT émis, offerts ou détenus par des personnes qui ne sont pas liées ou associées au promoteur ou le gestionnaire de D-REIT au cas où D-REIT est formé comme une société;</p> |
| <p>5°. igurishwa ry'ibanze: guhamagarira bwa mbere rubanda kugura cyangwa gushyirwa ku isoko ry'imari n'imigabane inyandiko z'agaciro za D-REIT, bikorewe abandi bantu batari uwashyizeho ikigega cyangwa abafite aho bahurira n'uwashyizeho ikigega cyangwa uyobora D-REIT;</p> | <p>5°. initial offer: the first offer or issue of D-REIT securities made to persons other than to the promoter or to parties connected to the promoter or the D-REIT manager;</p> | <p>5°. offre initiale: la première offre ou émission des titres de D-REIT à des personnes autres que le promoteur ou à des parties connectées au promoteur ou gestionnaire de D-REIT;</p> |

- 6°. **ikigo gishora imari cyangwa ikigega gishora imari:** ikigo cyangwa ikigega umushoramari ashoramamo ku buryo butaziguye imari ye;
- 7°. **umushoramari:** nyir' imigabane mu kigega cy' ishoramari mu itunganyamitungo itimukanwa, ubona inyungu ku migabane mu kigega cyangwa umunyamigabane ugaragazwa n' amategeko shingiro y' ikigo;
- 8°. **imenyekanisha ry' amakuru ndangabikorwa:** inyandiko, itangazo, inyandiko zamamaza, inyandiko zasohowe cyangwa ubundi butumire bwatanzwe kugira ngo abantu biyandikishe, igurisha cyangwa igurwa ry' inyandiko z' agaciro za D-REIT ku mushoramari w' umwuga kandi harimo n' imenyekanisha ry' amakuru ndangabikorwa cyangwa inyandiko z' inyongera zimenyekanisha amakuru ndangabikorwa;
- 9°. **abashoramari b' umwuga:** abashoramari mu kigo cyangwa abandi bantu bafite imigabane myinshi baba bafite amakuru ahagije ajyanye n' ibihombo bishobora kubaho cyangwa inyungu zo mu rwego rw' imitungo itimukanwa;
- 10°. **igurisha ritaziguye:** gushyirwa ku isoko ry' imari
- 6°. **investee company or investee trust:** a company or trust in which an investor makes a direct investment;
- 7°. **investor:** a holder of D-REIT securities who is a beneficiary under a trust deed or shareholder under memorandum of company;
- 8°. **offering information memorandum:** any notice, circular, material or advertisement, publication or other invitation issuing or offering for subscription, sale or purchase of any D-REIT security to a professional investor and includes a conversion offering information memorandum or supplemental offering information memorandum;
- 9°. **professional investors:** institutional investors and other high net worth individuals and who are well informed about the inherent risk and returns of the real estate sector.
- 10°. **restricted offer:** an issue or an offer made to professional investors;
- 6°. **une société émettrice ou fonds émetteur:** une société ou fudicie dans laquelle un investisseur effectue un investissement direct;
- 7°. **investisseur:** un détenteur de titres D-REIT qui est bénéficiaire en vertu d' un acte de fiducie ou actionnaire en vertu d' un mémorandum d' une société;
- 8°. **une note d' information offerte:** une note, circulaire, matériel ou publicité, publication ou autre invitation émise ou offerte pour souscription, vente ou achat d' un titre de D-REIT à l' investisseur professionnel et comprend une conversion offrant une note d' information ou un supplément offrant une note d' information;
- 9°. **investisseurs professionnels:** investisseurs institutionnels et d' autres individus à valeur nette élevée et qui sont bien informés des risques inhérents et rendement du secteur immobilier;
- 10°. **offre limitée:** une émission ou offre faite aux investisseurs professionnels;

n'imigabane cyangwa guhamagarira kugura imigabane bikorewe abashoramari b'umwuga;

11°. **icyemezo kidasanzwe:** icyemezo cyafashwe ku bwiganze butari muni ya bitatu bya kane (3/4) by'abaguzwe impapuro z'agaciro za D-REIT, bemerewe gutora babyikoreye ubwabo cyangwa gutora bahagarariwe bigaragajwe n'urwandiko rubyemeza, mu nama rusange y'abaguzwe impapuro z'agaciro za D-REIT yatumijwe binyuze mu itangazo ryanditswe mu gihe cy'iminsi makumyabiri n'umwe (21), rigaragaza impamvu yo gufata icyemezo kidasanzwe.

Irindi jambo ridasobanuwe muri aya mabwiriza ariko risobanuwe mu mabwiriza n° 14 ajyanye n'Ikigega cy'Ishoramari mu Itunganyamitungo Itimukanwa, rikurikizwa uko bikwiriye.

Ingingo ya 3: Intego za D-REIT

Intego za D-REIT ni izi zikurikira:

1°. kugura imitungo itimukanwa yemewe, gushora imari mu mitungo itimukanwa yemewe no kugira uruhare mu gushora imari mu mitungo itimukanwa ndetse n'imishinga y'ubwubatsi ikubiyemo:

a. imishinga yo kubaka amazu;

11°. **special resolution:** a resolution passed by a majority of not less than three-fourths (3/4) of such holders of D-REIT securities being entitled to do so, vote in person or where proxies are permitted by proxy, at a general meeting of holders of D-REIT securities of which at least twenty -one (21) days written notice specifying the intention to propose the special resolution has been given.

Any term that is not defined in these Guidelines but which is defined in the Regulation n° 14 on Real Estate Investment Trust applies accordingly.

Article 3: Objectives of D-REIT

D-REIT has the following objectives:

1°. acquisition of eligible real estate, investment in eligible investments and the undertaking of real estate development and construction projects including:

a. housing projects;

11°. **résolution spéciale:** une résolution prise par une majorité d'au moins trois-quarts (3/4) des propriétaires des titres de D-REIT étant habilités à le faire, voter en personne ou par procuration dans la réunion générale des propriétaires des titres de D-REIT à qui une note écrite spécifiant l'intention de proposer la résolution spéciale est délivrée au moins dans vingt et un (21) jours.

Tout terme ou expression qui n'a pas été défini et dont le sens est défini dans le Règlement n° 14 régissant les Fonds de Placement Immobilier s'applique en conséquence.

Article 3: Objectifs de D-REIT

Les objectifs de D-REIT sont les suivants:

1°. l'acquisition de biens immobiliers éligibles, les investissements dans des placements admissibles et l'engagement dans le développement immobilier et des projets de construction comprenant:

a. les projets de construction des maisons;

Official Gazette n°34bis of 22/08/2016

- | | | |
|--|--|--|
| b. ijyanye n'igurwa ry'amazu akodeshwa; | b. purchasing of houses to let; | b. l'offre d'achat des maisons pour la location; |
| c. uburyo bw'igurwa ry'amazu n'uburyo bikorwa; | c. tenant purchase schemes and arrangements; | c. régimes d'achat des maisons et arrangements; |
| d. imitunganyirize y'ikodesha n'igurisha ry'amazu; | d. development of letting and selling of houses; | d. le développement du système de location et de vente des maisons; |
| e. imitunganyirize y'igura n'ikodesha ry'amazu; | e. development of purchase and letting of houses; | e. le développement du système d'achat et de location des maisons; |
| f. imitunganyirize y'igurisha ry'amazu; cyangwa; | f. development of sale of houses; or | f. le développement du système de vente des maisons; ou |
| g. ihuzwa ry'uduce kuva kuri a kugeza kuri f cyangwa ubundi bwoko bw'amabwiriza y'imiturire, imyubakire cyangwa amacumbi; | g. any combination of items from a to f or any other form of regulations of housing, building or accommodation; | g. toute combinaison de a à f ou toute autre forme de fourniture d'abris, de maisons ou de logements; |
| h. imitunganyirize y'imishinga y'inyubako z'amazu y'ubucuruzi n'indi mitungo itimukanwa; | h. development of commercial houses and other real estate construction projects; | h. le développement des projets de construction des immobiliers commerciaux et autre immobilier y relatif; |
| 2°. kwamamaza no kugurisha imitungo itimukanwa; | 2°. marketing and sale of real estate; | 2°. commercialisation et la vente d'immobiliers; |
| 3°. kubungabunga no gucunga imitungo itimukanwa y'ikigega cy'ubwizerane kugira ngo haboneke inyungu zikomotse ku mitungo itimukanwa; | 3°. maintenance and management of the real estate assets of the trust with the objective of earning income from real estate; | 3°. conservation et gestion des actifs immobiliers de la fiducie dans le but de tirer un revenu de ces actifs; |

Official Gazette n°34bis of 22/08/2016

4°. gukora indi mirimo yose idateganyijwe cyangwa ifite aho ihuriye n'imitungo y'ikigega cy'ubwizerane;

5°. ibindi bikorwa bishobora guteganywa n'aya mabwiriza.

4°. the undertaking of any other un planned activities or which are related to the assets of the trust; and

5°. such other activities as may be specified under these Guidelines.

4°. l'exécution des activités accessoires ou connexes et les activités relatives aux actifs de la fiducie; et

5°. d'autres activités qui peuvent être déterminées en vertu des présentes directives.

Ingingo ya 4: Ishoramari

Ishoramari muri D-REIT rigomba kuba riboneye, rikwiriye kandi rijyanye n'itegeho z'ishoramari za D-REIT nk'uko biba byagaragajwe mu nyandiko zimenyekanisha amakuru ndangabikorwa cyangwa mu nyandiko zigaragaza imiterere y'ikigega.

Ingingo ya 5: Ishoramari ryemewe muri D-REIT

Umuyobozi wa D-REIT ashobora, amaze kugisha inama abacunga imitungo y'abandi b'umwuga, atabangamiye ibyabujijwe mu nyandiko igenga ibigega, gushora imari:

1°. mu buryo butaziguye mu mitungo itimukanwa yubahirije amategeko n'amabwiriza ariho;

2°. mu mitungo itimukanwa yemewe binyuze mu ishoramari mu kigo cy'ishoramari cyanditse mu Rwanda kandi kikaba gifite umutungo utimukanwa wacyo wemewe;

Article 4: Investments

Investments in a D-REIT must be relevant, appropriate and consistent with the investment objectives of the D-REIT as set out in the offering information memorandum and the scheme documents.

Article 5: Eligible investments for a D-REIT

The D-REIT manager may, in consultation with the trustees, without detrimental to any limitations specified in the scheme documents, invest:

1°. directly in eligible real estate in accordance with applicable laws and regulations;

2°. in eligible real estates through investment in an investee company incorporated in Rwanda which directly owns the eligible real estate;

Article 4: Investissements

Les investissements d'un D-REIT doivent être pertinents, appropriés et cohérents aux objectifs d'investissement du D-REIT tels que décrits dans la note d'information d'offre et les documents du fonds.

Article 5: Investissements éligibles pour un D-REIT

Le gestionnaire d'un D-REIT peut, en consultation avec le fidéicommissaire, sous réserve des limites précisées dans les documents du fonds, investir:

1°. directement dans l'immobilier éligible en conformité avec les lois et règlements applicables;

2°. dans les immobiliers éligibles à travers l'investissement dans une société d'investissement enregistrée au Rwanda qui possède directement l'immobilier éligible;

Official Gazette n°34bis of 22/08/2016

- | | | |
|--|---|---|
| 3°. mu mitungo itimukanwa binyuze mu bigega by'ishoramari; | 3°. in eligible real estate assets through investee trusts; | 3°. dans des actifs immobiliers admissibles à travers le fonds émetteur; |
| 4°. mu mafaranga, ubwizigame, inyandiko nyemezamwenda cyangwa inyandiko z'agaciro n'inyandiko mvunjwafaranga; | 4°. in cash, deposits, bonds or securities and money market instruments; | 4°. en argent, dépôts, bons du trésor ou les titres et les instruments du marché monétaire; |
| 5°. mu kigo aho imigabane yose iri mu maboko ya banyiracyo kandi akaba aribo bakigenzura, kikaba gikora ibikorwa bijyanye no kugurisha imitungo itimukanwa; cyangwa | 5°. in a wholly beneficially owned and controlled company which conducts real estate related activities; or | 5°. dans une société entièrement détenue et contrôlée qui mène des activités liées à l'immobilier; ou |
| 6°. mu mitungo ibyara inyungu, habariwemo imigabane y'ibigo bicuruzwa imitungo itimukanwa byanditse mu Rwanda, biba bifite ubucuruzi bw'ibanze bushingiye ku mutungo utimukanwa cyangwa inyandiko z'agaciro za D-REIT mu bindi bigega by'ishoramari ku mitungo itimukanwa mu Rwanda. | 6°. in income generating assets including shares in property companies incorporated in Rwanda whose principal business is based real estate or D-REIT securities in other Rwandan real estate investment trust schemes. | 6°. dans des actifs générateurs de revenu, y compris des actions des sociétés immobilières enregistrées au Rwanda dont l'activité principale est relative à l'immobilier ou à d'autres titres de D-REIT dans d'autres fonds rwandais d'investissement immobilier. |

Umuyobozi wa D-REIT ndetse n'ucunga imitungo y'abandi w'umwuga bagomba gushora imari bagendeye kuri aya mabwiriza.

The D-REIT manager and trustee must only invest in accordance with these Guidelines.

Le gestionnaire d'un D-REIT et le fidéicommissaire doivent seulement investir en conformité avec les présentes directives.

Ingingo ya 6: Inshingano z'umuyobozi wa D-REIT mu rwego rw'ishoramari

Article 6: Responsibilities of a D-REIT manager in investment framework

Article 6: Attributions du gestionnaire d'un D-REIT dans le cadre d'investissement

Umuyobozi D-REIT agomba:

The manager of a D-REIT must:

Le gestionnaire d'un D-REIT doit:

- 1°. guteganya no kugaragaza, mu inyandiko ndangabikorwa, ko umutungo utimukanwa wamaze gushorwamo imari cyangwa uteganywa kwegukanwa no

- 1°. provide and specify, in the offering information memorandum, that real estate asset that is already vested in or proposed to be acquired and vested in the trust and for which all registration

- 1°. proposer et préciser, dans la note d'information d'offre, que l'actif immobilier qui est déjà investi ou proposé à être acquis et investi dans la fiducie et pour laquelle toutes les exigences légales

Official Gazette n°34bis of 22/08/2016

gushorwamo mu kigega, kandi ko ibisabwa byose bijyanye n'iyandikwa mu rwego rw'amategeko byujujwe mu gihe cy'iminsi ijana na mirongo inani (180) nyuma y'isozwa ry'igurisha ry'ibanze;

- 2°. kugaragaza mu nyandiko ndangabikorwa, ibikorwa by'ibanze cyangwa imishinga y'ubwubatsi D-REIT iteganya gukora; no
- 3°. gushyiraho ingengabihe, ingengo y'imari na gahunda y'umushinga w'ibikorwa by'ibanze cyangwa y'ubwubatsi D-REIT giteganya gukora.

Iyo umuyobozi wa D-REIT atabashije kubahiriza ibisabwa muri aya mabwiriza mu gihe cy'isoza ry'igurisha ry'ibanze cyangwa ishorwa ry'imigabane ku isoko bivugwa mu gace ka 1° k'igika cya mbere cy'iyi ngingo; kandi n'ibisabwa mu kwiyandikisha bituzuye ndetse n'umutungo utimukanwa uteganywa utashowe mu kigega; amafaranga akomoka mu igurishwa ry'ibanze ndetse n'ishyirwa ku isoko ry'inyandiko z'agaciro za D-REIT agomba gushorwa muri banki cyangwa mu bindi bigo bishorwamo amafaranga, mu gihe kitarenze iminsi ijana na mirongo inani (180).

requirements were met within one hundred and eighty (180) days after closure of the initial offer;

- 2°. specify in the offering information memorandum, the initial activities or the construction projects which the D-REIT proposes to undertake; and
- 3°. include a timetable, budget and a project plan for the initial development or construction the D-REIT proposes to undertake.

If, the D-REIT manager fails to comply with the requirements of these Guidelines during conclusion of the initial period of the offer or issuance of shares referred to in point 1° of Paragraph One of this Article; and the registration requirements are not complete and the proposed real estate asset is not vested in the trust; the funds raised by the initial offer and issuance of D-REIT securities must only be invested in bank deposits or other liquid investments for the period not exceeding one hundred and eighty (180) days.

d'enregistrement auront été achevées dans les cent quatre-vingts jours (180) de la clôture de l'offre initiale;

- 2°. spécifier dans la note d'information d'offre, le développement initial ou le projet de construction que le D-REIT se propose à mener; et
- 3°. inclure l'horaire, le budget et un plan du projet pour le développement initial ou de construction que le D-REIT se propose à exécuter.

Lorsque le gestionnaire du D-REIT ne parvient pas à se conformer aux exigences des présentes directives au cours de la période intermédiaire depuis la clôture de l'offre initiale ou de l'émission dont il est question au point 1° de l'alinéa premier du présent article; et que les exigences d'enregistrement ne sont pas complètes et que l'actif immobilier proposé n'est pas investi dans la fiducie; les fonds mobilisés par l'offre initiale et l'émission des titres de D-REIT doivent seulement être investis dans des dépôts bancaires ou autres placements liquides pour une durée ne dépassant pas cent quatre-vingts (180) jours.

Ingingo ya 7: Ishoramari rikorwa mu mwaka umwe (1) nyuma yo kwemerwa kwa D-REIT

D-REIT igomba, mu gihe cy'umwaka umwe (1) nyuma yo kwemerwa, gushora byibuze mironko itatu ku ijana (30%) by'agaciro k'umutungo wose mu:

- 1°. mishinga y'iterambere n'ubwubatsi; cyangwa
- 2°. umutungo utimukanwa ubyara inyungu watunganyijwe cyangwa wubatswe na D-REIT.

Ingingo ya 8: Ibisabwa kugira ngo umutungo utimukanwa uhererekanywe

Mu gihe D-REIT ihererekanyije umutungo utimukanwa, mu gihe cy'umwaka umwe (1) w'iryo gurisha, D-REIT igomba kuba:

- 1°. cyabonye undi mutungo utimukanwa usimbura uwagurishijwe; cyangwa
- 2°. cyarakoze irindi saranganya mu baguze impapuro z'agaciro za D-REIT mu rwego rwo kugabanya imitungo yayo.

Ingingo ya 9: Ishoramari mu mishinga y'iterambere n'ubwubatsi

Umuyobozi wa D-REIT ndetse n'ucunga imitungo y'abandi w'umwuga bagomba, mu rwego rwo kubahiriza ibisabwa mu ishoramari

Article 7: Investment to be made within one (1) year after authorization of D-REIT

A D-REIT must, within one (1) year from the date of its authorization, invest at least thirty percent (30%) of its total asset value in:

- 1°. development and construction projects; or
- 2°. income generating real estate which the D-REIT developed or constructed.

Article 8: Requirements for disposing the real estate asset

In case a D-REIT disposes the real estate, D-REIT must, within one (1) year of the disposal :

- 1°. acquire a substitute real estate asset; or
- 2°. have made further distribution to D-REIT securities holders so as to reduce its assets.

Article 9: Investment in development and construction projects

The D-REIT manager and trustee must, for the purposes of complying with the requirements of investing in development and construction

Article 7: Investissement à faire dans une (1) année après l'autorisation de D-REIT

Un D-REIT doit, dans un délai d'une (1) année à compter de la date de son autorisation, investir au moins trente pour cent (30%) de la valeur totale d'actif directement dans:

- 1°. les projets de développement et de construction; ou
- 2°. l'immobilier générateur de revenu que le D-REIT a développé ou construit.

Article 8: Exigences pour céder un actif immobilier

Lorsque un D-REIT cède l'actif immobilier et dans une (1) année d'une telle cession, le D-REIT doit:

- 1°. acquérir un actif immobilier de remplacement; ou
- 2°. faire une autre distribution aux propriétaires des titres du D-REIT dans le cadre de réduire ses actifs.

Article 9: Investissement dans des projets de développement et de construction

Le gestionnaire et le fidéicommissaire du D-REIT doivent, aux fins de donner effet à l'exigence pour l'investissement principalement

Official Gazette n°34bis of 22/08/2016

mu mishinga y'iterambere n'ubwubatsi igamije kugurishwa, kwegukanwa cyangwa gukodeshwa nk'umutungo utimukanwa ubyara inyungu, kwizera ko umutungo utimukanwa wegukanywe cyangwa uzegukanwa nk'umutungo wa D-REIT:

- 1°. ushobora gutunganywa mu buryo n'icyo wagenewe gukoreshwa;
- 2°. udafite ibindi biwusabwaho mu gihe cyo kuwegukana keretse amafaranga ashobora guturuka ku ucunga imitungo y'abandi w'umwuga nk'uko byemewe n'ikigega ndetse n'aya mabwiriza;
- 3°. ufite amahirwe yo kuba wagurishwa, wabyazwa inyungu, cyangwa wakorerwa ikodesha-gurishwa nk'inyungu zikomoka ku mutungo utimukanwa mu gihe itegurwa cyangwa iyubakwa rizaba rirangiye.

Ingingo ya 10: Umutungo utimukanwa wegukanywe mu buryo bw'ubukode

Ucunga imitungo y'abandi w'umwuga n'umuyobozi wa D-REIT bagomba, mu gihe umutungo utimukanwa waguzwe mu buryo bw'ubukode, gukora ku buryo:

- 1°. mu gihe cyo kwemeranya ku bukode, ubukode bugomba kuba busigaje igihe kingana byibuze n'imyaka makumyabiri n'itanu (25);

projects for either sale, retention or leasing as income producing property, ensure that the real estate acquired or to be acquired as an asset of the D-REIT:

- 1°. may be developed in the manner and for the intended use;
- 2°. is free from encumbrances at the time of acquisition except for any charges that may accrue from the trustee as authorized by the trust deed and these Guidelines; and;
- 3°. has reasonable prospects for sale, profit making or lease as income generating real estate in case its development or construction is complete.

Article 10: Real estate acquired through leasehold

The trustee and D-REIT manager must, where the real estate was acquired through leasehold, ensure that:

- 1°. at the time of entering into the lease, the lease has a remaining term of at least twenty five (25) years;

dans des projets de développement et de construction soit pour la vente, la rétention ou la location comme une propriété génératrice de revenu, s'assurer que le bien immobilier acquis ou à acquérir en tant qu'un actif du D-REIT:

- 1°. peut être développé dans la manière et pour l'usage proposés;
- 2°. est libre de toute charge au moment de l'acquisition, à l'exception des frais contractés par le fiduciaire tel qu'autorisé par l'acte de fiducie et par les présentes directives; et
- 3°. a des perspectives raisonnables quand le développement ou la construction est achevée pour la vente dans un but lucratif ou pour la location comme un bien immobilier générateur de revenu.

Article 10: Bien immobilier acquis par bail

Le fiduciaire et le gestionnaire de D-REIT doivent, lorsque le bien immobilier est acquis par bail, veiller à ce que:

- 1°. au moment de la conclusion du bail, le bail a une durée restante d'au moins vingt-cinq (25) ans;

Official Gazette n°34bis of 22/08/2016

2°. umutungo utimukanwa warakorewe igenagaciro nk'ubukode;

3°. n'ubukode bwaratanzwe kugira ngo bwandikwe.

2°. the real estate has been valued as leasehold; and

3°. the lease was lodged for registration.

2°. l'immobilier a été évalué comme bail; et

3°. le bail est déposé pour l'enregistrement.

Ingingo ya 11: Isaranganya ry'abashyira ku isoko inyandiko z'agaciro n'inyandiko mvunjwafaranga

Umuyobozi wa D-REIT ndetse n'ucunga imitungo y'abandi w'umwuga bagomba gukora ku buryo ishoramari mu mafaranga, ubwizigame, inyandiko nyemezamwenda, inyandiko z'agaciro ndetse n'inyandiko mvunjwafaranga zigomba kugabanywa abashyira ku isoko inyandiko z'agaciro n'inyandiko mvunjwafaranga ku buryo agaciro k'umutungo utarenze gatanu ku ijana (5%) utiharirwa n'ushyira ku isoko ry'imari n'imigabane inyandiko z'agaciro umwe cyangwa ikigo cyangwa abanyamuryango b'iryo tsinda rimwe.

Ingingo ya 12: Kutubahirizwa kw'amategeko akumira

Amategeko akumira ntiyubahirizwa ku bwizigame, inyandiko nyemezamwenda cyangwa inyandiko z'agaciro zashyizwe ku isoko cyangwa zishingiwe na Leta y'u Rwanda cyangwa ubwizigame muri banki yemewe gukorera mu Rwanda.

Article 11: Spreading of issuers of securities and instruments

The D-REIT manager and trustee must ensure that investments in cash, deposits, bonds, securities and money market instruments are spread across a number of issuers, securities and instruments such that not more than five percent (5%) of the total asset value is exposed to one issuer or institution or to members of the same group.

Article 12: Non applicability of restrictive laws

The restrictive laws are not applicable to deposits, bonds or securities issued by or guaranteed by the Government of Rwanda or to deposits with a banking institution licensed to operate in Rwanda.

Article 11: Répartition des émetteurs de titres et instruments

Le gestionnaire de D-REIT et le fidéicomissaire doivent s'assurer que les placements en espèces, les dépôts, les bonds du trésor, les titres et les instruments du marché monétaire sont répartis sur un certain nombre d'émetteurs de titres et d'instruments de telle sorte que pas plus de cinq pour cent (5%) de la valeur totale des actifs est exposée à un seul émetteur ou institution ou aux membres du même groupe.

Article 12: Inapplication des lois restrictives

Les lois restrictives ne sont pas applicables aux dépôts, bonds du trésor ou titres émis par ou garantis par le Gouvernement du Rwanda ou aux dépôts auprès d'une institution bancaire ayant une licence au Rwanda.

Ingingo ya 13: Ingaruka zo kudasaranganya ishoramari mu gihe ntarengwa

Iyo umuyobozi wa D-REIT n'ucunga imitungo y'abandi w'umwuga badasaranganyije ishoramari, iyo igihe ntarengwa cyarenze ariko bigakosoka mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uherye igihe ntarengwa cyarangiriye, ntibifatwa nko kutubahiriza amabwiriza.

Ingingo ya 14: Ishoramari aho imigabane yose ifitwe kandi igenzurwa n'ikigo gishinzwe ibikorwa birebana n'umutungo utimukanwa

Hagendewe ku nyandiko zigenga ikigega, umuyobozi wa D-REIT ashobora, abyemerewe n'abaguzi impapuro z'agaciro za D-REIT, gusaba ko hashorwa kugera ku icumi ku ijana (10%) by'agaciro k'umutungo wose aho imigabane yose ifitwe kandi igenzurwa n'ikigo gishinzwe ibikorwa birebana n'umutungo utimukanwa, birimo:

- 1°. imicungire y'umutungo utimukanwa;
- 2°. imicungire ya D-REIT;
- 3°. kuvugurura cyangwa guhanga umutungo utimukanwa; cyangwa
- 4°. itangwa rya serivisi ku bakodesha cyangwa kuri D-REIT ariko ntiriba rikubiyemo itangwa ry'ingwate ku mitungo itimukanwa cyangwa imari

Article 13: Effects of failure to spread investments in time limits

If a trustee and D-REIT manager fail to spread investments, and if the limit exceeds but rectified within a period of thirty (30) days from the day on which the limit expired, it does not constitute a breach.

Article 14: Investment in a wholly owned and controlled company carrying out real estate related activities

Subject to the terms of the scheme documents, the D-REIT manager may, with the consent of the D-REIT securities holders, request for investment of up to a maximum of ten percent (10%) of the total asset value in a wholly owned and controlled company carrying out real estate related activities including:

- 1°. immovable property management;
- 2°. D-REIT management;
- 3°. real estate refurbishment or design; or
- 4°. the provision of services to tenants or to the D-REIT but which does not include the provision of mortgages or finance except only to the extent that

Article 13: Effets de ne pas répartir les investissements dans les délais limités

Le fait que le fidéicommissaire et le gestionnaire du D-REIT ne parviennent pas à répartir les investissements, et que la limite est dépassée mais rectifiée dans un délai de trente (30) jours à compter de la date à laquelle la limite a été dépassée ne constitue pas une violation.

Article 14: Investissement dans une société totalement détenue et contrôlée exerçant les activités relatives à l'immobilier

En vertu des termes du document du fonds, le gestionnaire du D-REIT peut, avec le consentement de propriétaires des titres du D-REIT, demander d'investir jusqu'au maximum de dix pour cent (10%) de la valeur totale d'actif dans une société totalement détenue et contrôlée exerçant les activités relatives à l'immobilier y compris:

- 1°. la gestion de la propriété immobilière;
- 2°. la gestion du D-REIT;
- 3°. la maintenance ou la conception de la propriété; ou
- 4°. la fourniture de services aux locataires ou au D-REIT mais ne comprend pas la fourniture des hypothèques ou de la finance, sauf

keretse gusa D-REIT yemererwa n'aya mabwiriza gutanga ingwate ku mitungo itimukanwa cyangwa imari.

the D-REIT is authorized by these guidelines to provide mortgages or finance.

dans la mesure où le D-REIT est autorisé par les présentes directives à fournir des hypothèques ou de la finance.

Kugira ngo hagaragazwe urwego rw'ishoramari rishobora gukorwa binyuze mu nyandiko nyemezamwenda z'ishoramari, ijanyisha rizabarwa hagendewe ku mari iteganywa gushorwa ugabanyije igiteranyo cy'agaciro kose k'umutungo ku itariki ishoramari ryakorewe.

For purposes of determining the level of the investment which may be made through the investment portfolio, the percentage must be calculated on the basis of the amount of the proposed investment divided by the value of the total asset value at the date on which the investment is made.

Dans le but de déterminer le niveau d'investissement qui peut être fait selon le portefeuille d'investissement, le pourcentage doit être calculé par référence au montant d'investissement proposé et la valeur de la valeur totale d'actif à la date à laquelle l'investissement est fait.

Ingingo ya 15: Igurisha rya D-REIT

Article 15: Offer of a D-REIT

Article 15: Offre d'un D-REIT

Igurisha cyangwa ishyirwa ku isoko ry'imari n'imigabane rya D-REIT rigomba:

An offer or an issue of a D-REIT must:

L'offre ou l'émission d'un D-REIT doit seulement:

- 1°. gukorwa nk'igurisha rigenewe gusa abashoramari b'umwuga;
- 2°. rigomba kuba igurisha ryemera kugura imigabane mike cyangwa igurisha ry'ibingana na miriyoni mirongo itanu z'amafaranga y'u Rwanda (50.000.000 Frw); kandi
- 3°. hakurikijwe aya mabwiriza, igurisha cyangwa ishyirwa ku isoko ry'imigabane rigomba guhererekanywa gusa n'uruhande inyandiko z'agaciro za D-REIT zakabaye zishyirirwa ku isoko cyangwa zigurishwa.

- 1°. be made only as a restricted offer to professional investors;
- 2°. be offered in minimum subscription or offer parcels of fifty million Rwandan Francs (Frw 50,000,000); and
- 3°. subject to these Guidelines, issue securities must only be transferred to a party to whom the D-REIT securities could have been issued or offered.

- 1°. être faite comme une offre limitée aux investisseurs professionnels;
- 2°. être offerte avec un minimum de souscription ou en offres paquets de cinquante millions de francs rwandais (50.000.000 Frw); et
- 3°. sous réserve de présentes directives, doit seulement être transférée à une partie à laquelle les titres du D-REIT pourraient avoir été émis ou offerts.

Ingingo ya 16: Abashoramari D-REIT igomba kuba gifite nibura

D-REIT igomba kugira abashoramari barindwi (7) nibura.

Ingingo ya 17: Agaciro ko hasi k'umugabane shingiro wa D-REIT

Agaciro ko hasi k'umugabane shingiro cyangwa umugabane wa D-REIT ugomba kuba miliyari imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1.000.000.000 Frw).

Nibura makumyabiri na gatanu ku ijana (25%) by'agaciro k'imigabane ya D-REIT igomba kuba ifitwe n'abandi bantu batari abanyamigabane.

Icyakora, ibi ntibikurikizwa mu gihe inyandiko z'agaciro za D-REIT z'inyongera zishyiriweho:

1°. uwatangije ikigega;

2°. umuyobozi wa D-REIT; cyangwa

3°. inzego zishyize hamwe cyangwa zifite aho zihuriye n'umwe muri bo, mu gushora imari mu ishoramari rirenze iryateganyijwe mu guteza imbere cyangwa kubaka, mu buryo bw'uko imigabane ya D-REIT mu gihe iba ifitwe n'umuyobozi wa D-REIT cyangwa umuntu utite aho bahuriye na yo cyangwa urwego rufitemo

Article 16: Minimum investors required for a D-REIT

A D-REIT must have at least seven (7) investors.

Article 17: Minimum value of the share capital of D-REIT

The minimum value of the share capital or unit capital of D-REIT must be one billion Rwandan Francs (Frw 1,000,000,000).

At least twenty-five percent (25%) of the total D-REIT securities by value must be free float.

However, this does not apply where additional D-REIT securities are issued to:

1°. the promoter of the trust;

2°. D-REIT manager; or

3°. associated parties or parties which are connected with one of them, in investing excess investment in development or construction, in circumstances where such D-REIT securities during the time that they are held by D-REIT manager or a connected person or any associated party are not entitled to voting rights on

Article 16: Nombre minimum d'investisseurs requis pour un D-REIT

Un D-REIT doit avoir sept (7) investisseurs au minimum.

Article 17: Valeur minimale du capital de D-REIT

La valeur minimale du capital ou unité de capital de D-REIT doit être un milliard de francs rwandais (1.000.000.000 Frw).

Un minimum de vingt cinq pour cent (25%) du total des titres du D-REIT en valeur doit être libre flottant.

Toutefois, cette disposition n'est pas applicable quand des titres du D-REIT supplémentaires sont émis:

1°. au promoteur;

2°. au gestionnaire du D-REIT; ou

3°. parties associées ou liées à l'une d'elles, pour le financement d'un coût imprévu de dépassement sur un développement ou une construction, dans des circonstances où ces titres du D-REIT pendant la période où ils sont détenus par le gestionnaire de D-REIT ou une personne rattachée ou une partie associée ne doivent pas avoir droit de

imigabane, ntibagomba kugira uburenganzira bwo gutora hagendewe kuri iyo migabane mishya ya D-REIT, ariko bashobora kwemererwa kugira uruhare mu isaranganywa iryo ariryo ryose hagendewe kuri iyo migabane ya D-REIT.

the basis of such additional D-REIT securities but may participate in any distribution on the basis of such D-REIT securities.

